Inkingi
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

++31 623075674 ++32 473575119 info@fdu-udf.org www.fdu-udf.org
Postbus 3124 2280 GC Rijswijk Netherlands
"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité des chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Mme Victoire INGABIRE UMUHOZA YASESEKAYE I KANOMBE

Ndatashye,

Banyarwanda, Banyarwandakazi, Nshuti z'u Rwanda,
Nyuma y'imyaka 16 mu buhungiro, uyu munsi nageze iwacu.
Hagati aho habaye amahano y'urukozasoni mu gihugu. Habaye Jenoside n'itsembatsemba byahitanye miliyoni z'Abanyarwanda.Buri muryango w'umunyarwanda warapfushije. Ariko habuze politiki ihamye y'ubumwe n'ubwiyunge, bityo abantu bakomeza guhahamuka.

Nzanywe n'amahoro, kandi niyo azaranga imikorere yanjye muri politiki yo guca ingoyi mu gihugu cyanjye.
Mu buhungiro, twashinze umuryango, FDU-INKINGI, tuhakorera politiki, none igihe cyageze cyo kwimukira mu rwatubyaye, tukegera Abanyarwanda bahasigaye, tukivugurura kugira ngo imbaraga zacu twese hamwe zitubere umusemburo wo guca ingoyi no kwimakaza demukarasi ishingiye ku kwishyira ukizana.

Mbazaniye intashyo y'abavandimwe banyu bakiri ishyanga.Bifatanije na mwe muri aya mahindura dutangiye yo gusubiza Umunyarwanda agaciro mu mahoro, nta maraso yongeye kumeneka.Nje kwandikisha ishyaka ryanyu kugira ngo tuzapigane n'abandi mu matora azaba uyu mwaka. Iyi nzira ni ndende, ni révolution kandi itora si ryo herezo.

Ingoyi nje kurwanya ni iyi:
Cyane cyane ubwoba, ubukene, inzara, igitugu, ubuhake, ruswa yahindutse inkuyo, gacaca ibogamye, akarengane,gereza ya tije (TIG) no gucirwa ishyanga umwana ntamenye umubyeyi n'umuryango ugasenyuka, ubusumbane,ivangura, kwirukanwa mu byabo, gusembera, kubundabunda, kugenda bubitse imitwe, ndetse n'ingoyi y'akandoyi.

Ndi umukobwa utashye iwacu, ntabaye mu mahoro, nje gufatanya namwe kwigobotora iyi ngoyi. Simperekejwe n'ingabo kuko nje mbasanga, nsanga ababyeyi, basaza banjye, barumuna na bakuru banjye.Umwana utaha iwabo ntiyimirwa.

Abasigaye mu gihugu turabashima, nimwe muzi ubukana bw'ingoyi.Tuzi akababaro kanyu, muracecetse ariko murareba. Agahinda k'inkoko kamenywa n'inkike itoramo.
Guca ingoyi si induru.Uko usakuza niko yongera ubukana. Mu bwitonzi, mu mahoro, twitegereze ipfundo ry'iyi ngoyi kugira ngo tuyice burundu nta yandi maraso amenetse. Nta ntambara dushaka kandi uzayigarura wese tuzamwamaganira hamwe. Uwibohoje mu maraso aramwokama. Niyo mpamvu tutazabashora muri za mitingi zo guhangana.Mushire ubwoba. .
Tuzaharanire ko nta jwi rizapfa ubusa ndetse n'ibarura ry'amajwi ribe ku mugaragaro aho mwatoreye.Uzabirwanya muzaba mumureba.

Politiki yacu ni ugukora mu bwitonzi, tukazatsinda urugamba nta ntambara ibaye. Uzayishoza akazayiryozwa.

Tugamije kuvugurura burundu ubutegetsi bw'igihugu, imicungire y'ibya rubanda, inzego z'umutekano n'ingabo, imibereho n'ubuzima bw'abaturage, uburezi, ubutabera. Tugamije politiki irengera Umunyarwanda wese, bityo ntihazagire uwongera kwicwa cyangwa gutotezwa azira ubwoko bwe, akarere cyangwa ibitekerezo bye.

Abambaza bati ese nta byiza iyi ngoma yagejeje ku Banyarwanda? Si akazi kanjye kuyivuga ibigwi. Icyo mbasubiza ni uko uyobora igihugu aba yiyemeje kugikorera neza no guteza imbere abagituye. Agawa ibibi agikorera. Ibigwi bye afite abavugizi bazi kubirata mu itangazamakuru rya Leta n'irindi rimubogamiyeho.
Imitamenwa n'amagorofa ni birebire koko ariko ntibimbuza kubona inzara iyogoza uturere, ntibihisha bwaki, amavunja, ihahamuka, imibereho ibabaje, ubuhake, ibikingi, kwigura ngo uramuke, ruswa, ivangura n'ubusumbane. Ntibimbuza kubona ingoyi zose zikandamije Umunyarwanda.

Nimukanguke mushire ubwoba, twigobotore ingoyi mu mahoro.

Twese hamwe tuzatsinda.

Victoire INGABIRE UMUHOZA
Umuyobozi Mukuru wa FDU-INKINGI
Kigali, tariki ya 16 Mutarama 2010